National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA YA KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'IFARANGA MURI BANKI NKURU Y'U RWANDA

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 7% kuko ubukana bw'izamuka ry'ibiciro ku isoko buteganyijwe kugabanuka.

Inama ya Komite ishinzwe politiki y'ifaranga yateranye ku wa 10 Gicurasi 2023, kugira ngo ifate icyemezo ku gipimo cy'inyungu fatizo kizagenderwaho mu mezi atatu ari imbere.

Ubusesenguzi bwagaragaje ko, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugenda ugabanuka, n'ubwo byo bikiri hejuru. Byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko uzakomeza kugabanuka, ku buryo mu mpera z'umwaka wa 2023 uzaba wageze mu mbago Banki Nkuru y'u Rwanda igenderaho, hagati ya 2% na 8%. Ibi birashingira ku myanzuro ya politiki y'ifaranga n'izindi ngamba byashyizweho mu rwego rwo guhangana n'izamuka rikabije ry'ibiciro ku isoko, ndetse no ku igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa by'ibanze ku isoko mpuzamahanga.

Ishingiye ku igabanuka ry'umuvuko w'izamuka ry'ibiciro ryitezwe, Komite ya politiki y'ifaranga yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR kuri 7%.

## Byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko uzakomeza kugabanuka mu gihe cya vuba.

Igipimo rusange cy'izamuka ry'ibiciro ku isoko cyageze ku muvuduko wa 21.7% mu Ugushyingo 2022, mbere yo kugabanuka ukagera kuri 17.8% muri Mata 2023. Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wagabanutse ku buryo bwihuse ku bicuruzwa na serivisi hatarimo ibiribwa byangirika vuba n'ibikomoka ku ngufu, aho wageze kuri 11.4% muri Mata 2023 uvuye kuri 15.4% mu Ukuboza 2022. Ibi byaturutse ku igabanuka ry'umuvuduko w'ibiciro by'ibiribwa bitumizwa mu mahanga n'ibitunganyirizwa imbere mu gihugu. Ibiciro by'ibikomoka ku ngufu na byo byaragabanutse bitewe no kwiyongera kw'amakara n'inkwi ku isoko, ndetse n'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli byagabanyijwe mu gihembwe cya mbere cya 2023. Ibi bikaba bijyanye n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'iby'ibikomoka ku ngufu ku isoko mpuzamahanga. Ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba byo bikomeje kuba hejuru bitewe

n'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi wabaye muke ugereranyije n'uwari witezwe mu gihembwe cy'ihinga A.

N'ubwo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ukiri hejuru, byitezwe ko uzagaruka mu mbago Banki Nkuru y'u Rwanda igenderaho mu mpera z'umwaka wa 2023, bitewe n'ibyemezo bya politiki y'ifaranga, ingamba za Guverinoma, ndetse n'igabanuka ry'ibiciro rikomeje kugaragara ku isoko mpuzamahanga. Iri gabanuka ry'ibiciro ryitezwe mu byiciro byose by'ingenzi bigize igipimo rusange cy'ibiciro ku isoko ari byo: ibiciro by'ibicuruzwa bitarimo ibikomoka ku ngufu n'ibiribwa byangirika vuba, iby'ibikomoka ku ngufu n'iby'ibiribwa byangirika vuba. Iki cyizere cy'igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro gishingiye ku musaruro mwiza waboneka mu gice cya kabiri cy'uyu mwaka. Gusa, ingorane zishobora guturuka ku bibazo by'imihindagurikire y'ikirere.

**Ubukungu bw'u Rwanda bwitezweho gukomeza kwitwara neza.**

Ubukungu bw'u Rwanda bwitezweho gukomeza kwitwara neza muri uyu mwaka wa 2023 nk'uko bigaragazwa n'igikomatanyo cy'ibipimo by'ubukungu biboneka mu buryo bwihuse, cyazamutseho 14.4% mu gihembwe cya mbere, ahanini biturutse ku musaruro ukomeje kwiyongera mu rwego rwa serivisi. Ibi kandi bikazakomeza no mu bihembwe bisigaye by'umwaka n'ubwo umuvuduko w'izamuka uzagabanukaho gato. Mu mwaka wose, ubukungu buteganyijwe kuzamukaho 6.2%, mu nsi ya 8.2% byagezweho mu mwaka wa 2022, bitewe cyane cyane n'igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ubukungu ku isi.

**Ubuhahirane bw'u Rwanda n'amahanga buhagaze neza, n'ubwo icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga gikomeje kwiyongera.**

Iby'u Rwanda rwohereza mu mahanga bikomeje kwiyongera, aho agaciro kabyo kiyongereyeho 17.4% mu gihembwe cya mbere cya 2023, cyane cyane biturutse ku izamuka ry'umusaruro w'ibitunganyirizwa mu nganda imbere mu Gihugu. Ku rundi ruhande, agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kiyongereyeho 27.6%, bitewe n'ubwinshi bw'ibikenerwa bijyanye n'iterambere ry'ibikorwa by'ubukungu imbere mu Gihugu. Ku bw'izo mpamvu, icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyiyongereyeho 35%. Ibi kandi byatumye agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idolari ry'Amerika kagabanukaho 3.07% muri Werurwe 2023 ugereranyije n'Ukuboza 2022. Mu gihe kiringaniye, u Rwanda ruzakomeza kugira ubwizigame bw'amadovizi ahagije ashobora gufasha mu gutumiza ibicuruzwa na serivisi mu mahanga mu gihe cy'amezi ane. Byongeye kandi, hitezweko izamuka ry'umusaruro uva kuri serivisi Igihugu kigurisha amahanga, cyane cyane ubukerarugendo n'ubwikorezi bwo mu kirere, hamwe n'amadovizi yoherezwa n'abanyarwanda batuye mu mahanga, bizafasha kugabanya inkeke ku giciro cy'ifaranga.

**Inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yagumye hafi y'igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda.**

Inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yarazamutse igera ku mpuzandengo ya 7.36% mu gihembwe cya mbere cya 2023, ugereranyije na 5.29% mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2022, bitewe n'ingamba za politiki y'ifaranga zagiye zishyirwaho mu guhangana n'umuvuduko ukabije w'izamuka ry'ibiciro. Ibi kandi, byatumye igipimo cy'inyungu ku mpapuro mpeshamwenda, ndetse n'icy'inyungu ku bwizigame bizamuka. Ku rundi ruhande, inyungu banki zitangaho inguzanyo yo yaragabanutse igera ku mpuzandengo ya 15.92% mu gihembwe cya mbere cya 2023, ugereranyije na 16.52% mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2022.

**Umwanzuro wa Komite ya Politiki y'ifaranga**

Hashingiwe ku iteganyamibare ku izamuka ry'ibiciro ryavuzwe hejuru, Komite ya politiki y'ifaranga yafashe icyemezo cyo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda kuri 7%. Komite ya politiki y'ifaranga izakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo igarure umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro mu mbago Banki Nkuru y'u Rwanda igenderaho hagati ya 2% na 8%. Iyi Komite kandi izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bw'igihugu buhagaze no gufata ibyemezo bikwiye igihe bibaye ngombwa.

Kigali, Kuwa 11 Gicurasi 2023

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**
**akaba n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**